Marìen Algendalimona

- Rapport

U
49R

6/7

CONCOURS LITTERAIRE A.I.J.

# I N Z I R A

I G A N A

U K W E Z I

Martin NGENDAHIMANA
C/O S.A.C./GIKONDO
B.P. 1083 KIGALI.

INZIRA IGANA UKWEZI

Ni umukino werekana iby'Urukundo
Ushingiye ku byerekezo bitatu
by'umwaka w'Urubyiruko ku isi
GUKORERA HAMWE
AMAHORO
AMAJYAMBERE.
Uyu mukino, uratwigisha inzira
tugomba kunyuramo mu gihe dushaka
kurushinga. Uratwumvisha kandi ko
turamutse DUSHYIZE HAMWE, nta ngorane
twahura nazo mu buzima bwacu.

# ABAKINNYI

MUSAFILI : Ni umusore wo mu mugi.
Ahora akeye kandi ni inshuti ya ALOYIZIYA.

ALOYIZIYA : Ni umukobwa nawe uba mu mugi. Yarangije amashuli yisumbuye, agakundana na MUSAFILI.

RWAKAYIRO : Ni se wa MUSAFILI

BIHIBINDI : Se wa ALOYIZIYA

KANKINDI : Nyina wa MUSAFILI

NYIRAMAVUGO : Nyina wa ALOYIZIYA

KAREGEYA : Umusore )
KABERA : Umusore ) Abaturanyi ba RWAKAYIRO.
KABILIGI : Umusaza )

RWAMUHIZI : Umusaza, umuturanyi wa BIHIBINDI.

UWANTEGE : ) Ni abakobwa bize, b'inshuti za ALOYIZIYA, baranabana.
UMULISA : )

MURWANASHYAKA : Ni abasore, inshuti z'inkoramutima za MUSAFILI.
MUKESHIMANA :
FELESIYANI :

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

INTANGILIRO Y'UMUKINO

KWA MUSAFILI

MUSAFILI : (Wenyine yivugisha) ubuzima nyuma y'ishuli.
Uburara, ubwomanzi, ubujura,.......
Aliko se, ibyo ni ku rubyiruko rutumva ntirutekereze.
Ababona ibije byose bakabisamira mu kirere,
badashunguye,bityo bakanduza umuco w'igihugu.
Ku musore nka njye se bite ?
Mbere ya byose, ni uburere bwiza.
Uburere bwiza dukesha ba Mama na ba data.
Uburere bwiza twahawe mu mashuli Abanza n'Ayisumbuye.
Hagataho URUKUNDO.
Urukundo dukesha ba Mama.
Ba mama badutwaye amazi cyenda, twavuka bakatwonsa,
bakaturera kugeza ubwo dukuze.
URUKUNDO dukesha ba Papa.
Ba Papa baduhahiye, bakatulindana na ba mama.
HAHERUKA, ubuzima bwiza, n'urukundo rwa bagenzi bacu.
Aliko se, urukundo n'iki ?
URUKUNDO ni akantu ka rukuruzi kakubwiliza gusanga
uwo mudahuje igitsina. Ndavuga URUKUNDO mu Kigore,
kuko hali n'URUKUNDO mu kigabo.
URUKUNDO mu kigore : ni URUKUNDO rukomeye, rugirwa
cyane hagati y'ibitsina byombi.
Urwo RUKUNDO ruragatsindwa n'iyalemye abantu.
Ni urukundo nkaba MUSAFILI.
Aliko se, ko Imana yaremye abantu,
ikabategeka gukundana.
Yewe, natwe dukundane, DUKUNDANE, aliko
twilinde URUKUNDO Rusebanya.
Rwa rukundo rukunda gusa ubukire,
rukirukana abakene.
N'URUKUNDO... Umukobwa yalivugiye ati :
"Ubuzima butagira URUKUNDO, n'i nk'umunsi
utagira izuba, cyangwa ururabyo rutagira imbuto".
(AREBE KU ISAHA) yewe, ALOYIZIYA araje.

.../...

(HINJIRE ALOYIZIYA)

MUSAFILI : Tubifulije ukuza neza !

ALOYIZIYA : Amahoro y'Imana abe muli iyi nzu.
(BARAMUKANYE)

MUSAFILI : NKUNDA NGUKUNDE.

ALOYIZIYA : Abanzi baganye. (BICARE) urabizi
MUSAFI..., nali naheze hanze.
Amagambo wavugaga yanteye ubwoba.

MUSAFILI : Ubwo nali nabonekewe.

ALOYIZIYA : Ahaaa ! Kereka niba wabonekewe n'amashitani.

MUSAFILI : Byashoboka bite ko nabonekera n'amashitani,
ngatekereza URUKUNDO ?

ALOYIZIYA : Twavuga rero ko wali wagiye mu kwezi.

MUSAFILI : YEZU Ati : "URABIVUZE".

MUSAFILI : "Mbese ALOYIZI..., nawe waba uzi
INZIRA IGANA UKWEZI" ko numva ushaka
kuyinyoboramo ? cyangwa ni avo wumvise
bayiganira.

ALOYIZIYA : Iyo nzira ndayizi. Nayinyuzemo.
Kandi n'inshuti zanjye zose nzazinyuzamo.

MUSAFILI : Ubwo nange nizere ko tuzajyanayo
Kuko ndi umwe muli izo nshuti....
Aliko se, ....ahaaa!!

ALOYIZIYA : Bite se kandi?

MUSAFILI : Yewe, nali ngiye kwibeshya.

ALOYIZIYA : Ngo wibeshya?

MUSAFILI : Nibeshya nyine. Ntuzi se ko ntawe ukorera
ba Shebuja babili.

.../...

ALOYIZIYA : Simvuze umugore w'umugabo, ahubwo, ni umugore mu gitsina. Aliko wali ubyumvise vuba.

MUSAFILI : BIRUMVIKANA... Nizeraga ko ali njye nshuti yawe njyenyine, ngiye kwumva numva ngo ni inshuti zawe zose.
Mu kanya gatoya, numva ngo "UMUGORE".
Urumva ko nawe byagutera ubwoba.

ALOYIZIYA : HUMURA nditonda ! Subiza umutima mu nda.

MUSAFILI : Ubwo wenda nakwizera.

ALOYIZIYA : Izere rwose. Aliko ni uko mbona ushaka kunshajisha, ukirengagiza ko tugomba gukorera hamwe, mu MAHORO, tukagera ku majyambere nyayo.

MUSAFILI : Ndabyumva. Ni byiza, usibye ko bitoroshye kubera akazi ka Leta.

ALOYIZIYA : NGO Akazi ka Leta ?

MUSAFILI : Yeee ! Mu gukorera hamwe, ntibyoroshye na busa...
Nkora muli Finansi mu mugi, wowe ugakora muli Caisse Sociale ku KACYIRU. Urumva ko ntashobora kuva muli Finance ngo nkorane n'ukora muli Caisse Sociale.
Amahoro n'amajyambere byo ndabishyigikiye, aliko hali inzitizi.

ALOYIZIYA : MUSAFILI.... Uziko hagati yacu hali Urukundo, ndetse rukomeye ?

MUSAFILI : Eeee mbese ni aho wageze ?
Komera mwana wa mama, ukomere ku ukwemera kwawe.

ALOYIZIYA : Ukwemera kwanjye kurakomeye cyane

MUSAFILI : Bikaba bishatse kuvuga iki ?

ALOYIZIYA : UKWEMERA gukomeye, kubyara ibikorwa bwite, ibyo bikorwa bwite nabyo, bigakomeza ukwemera.

MUSAFILI : Bulya ngo urugo rw'umwana rugusuSurutsa utaruravemo !

ALOYIZIYA : Ni urugo rw'umwana, aliko wowe uralindira abakecuru.

MUSAFILI : N'abakecuru nibeza kuko batureze.
Kandi ubusaza ntibubuza umuntu
Kwita ku mwana.

ALOYIZIYA : Aliko kandi, amahirwe azira utashakaga.

MUSAFILI : Humura, ubundi mu mishinga yo kubigeza
kubigeza ku babyeyi, nkumva icyo babiteke-
rezaho. Ubwo ni mva muli konji nzaguha igisubizo.

ALOYIZIYA : Uzatangira konji lyali ? Aliko MUSAFI...
Uziko uli umwana mubi!! ko utali wabimbwiye ?

MUSAFILI : Erega wali ufite byinshi byo kuvuga !
Kandi nk'uko nabikubwiye, ntawe
USHOBORA GUKORERA BA SHEBUJA BABILI.

ALOYIZIYA :Konji se uzayitangira lyali ?

MUSAFILI : Ejo bundi ku italiki ya mbere.

ALOYIZIYA : Uzayitangira neza da! Uzaba ufite amafaranga,...
ukazagaruka uhembwa.....

MUSAFILI : Ni mubihe byiza cyane, kandi muli Komini
ni ibihe by'ihinga.
Nzagenda nsuhuze umusaza n'umukecuru,
mbahingishilize bishime, nimbagezaho
igitekerezo cyanje,bacyakirane umutima mwiza.

ALOYIZIYA : Ubwo uzaza umbwira inkuru nziza.

MUSAFILI : Ndumva byaba byiza tubishyize ku murongo,
nkazabagezaho ibyuzuye.

ALOYIZIYA : Ndumva nta kidashoboka dushyize hamwe.

MUSAFILI : Hanyuma se ?

ALOYIZIYA : Ubwo twafatanya mu byo ababyeyi baguca...
Vuba aha nzabandikira, mbibabwire, cyangwa
nzigireyo mbibabwire nko muli wikendi.

MUSAFILI : Nanjye nzajyayo tuganire, mbabwire
bazangire iwanyu ku cyumweru cya
kabili cya kuliya kwezi. Si byo ?

ALOYIZIYA : Ni byo rwose. Ndetse biranshimishije !

MUSAFILI : Ko udasetse se ?

ALOYIZIYA : Icy'ingenzi si uguseka, ahubwo ni ibyishimo.

MUSAFILI : Kandi akuzuye umutima gasesekara ku munwa !

ALOYIZIYA ( : (ASEKE) Kandi koko! aliko kwilirwa wanitse amenyo...

MUSAFILI : Ogoya! hali igihe cyo guseka, n'igihe cyo kwifata.

ALOYIZIYA : Yewe, reka nigendere ndumva
Hali abashyitsi bakuziye.

MUSAFILI : Abashyitsi banjye se sibo bawe ?
Guma aho umfashe kubakira.

---

HINJIRE MURWANASHYAKA, FELESIYANI,
NA MUKESHIMANA BASEKE CYANE.

MURWANASHYAKA.

MUKOMERE kwa MUSAFILI wirakaje !
(BARAMUKANYE BOSE)... Niko sha
MUSAFILI... usigaye warashabutse bigeze
aha ?... komera komera mwana wa Mama !!!

MUSAFILI : Komera shahu Yohani n'ubusazi bwawe!...
Mbe Yoha... ntuherukanye na KARENGERA ?

MURWANA : Reka da! ugirango ndacyakorana nawe ?
Mperutse kumufatira i Kagitumba yikoreye
Forode, mubwiye ngo dupasure aranga, none
ibye bizatezwa icyamunara ku cyumweru sa
tatu i Gikondo.

MUSAFILI : Waramuhemukiye sha !

MURWANASHYAKA : Niko bigomba kumera ! none se
adasoreye Finance ntanadusorerre
twebwe tuyirebera, urumva byashoboka ?
Nibabiteze agasuzuguro kazashire.
Nawe umuntu wankangishaga icupa limwe
lya wisiki yikoreye ibintu byasora
ibihumbi makumyabili ! Ni akazi ke.

ALOYIZIYA : Erega uli nta mbabazi!!!

MURWANASHYAKA : Yeee! Urabivuze koko ndi nta mbabazi.

FELESIYANI : Erega niko bimera ku kazi.

MUKESHIMANA : Niyo mpamvu tubatakambira ngo muturwaneho mukadusuzugura ngo ntitura imodoka ? Ngo iya Depanaje yagiye ahandi ? Sha agasuzuguro musigaranye kazabakoma hasi.

FELESIYANI : Niyo mpamvu mudukangisha za telephone ngo tuzabitaba ?

ALOYIZIYA : Koko aliko abakozi ba Electrogaz barasuzugura ! urabatelefona bati "turaje", ugategereza amaso agahera mukirere.

MUSAFILI : Ntimwibeshye ngo mwibwire ko ali bose ! Kandi nk'uko mubizi, ngo nta mulyango utagira ikigolyi.

MUKESHIMANA : Nibyo koko ! aliko sinibaza niba icyo kigolyi cyo muli Electrogaz alicyo bahaye telefoni gusa.

MUSAFILI : Ahali hali icyo upfa na Electrogaz! Tugarutse ku byacu Yoha...., bulya KARENGERA yashoboraga kuzanshakira ibintu ku giciro cyiza.

MURWANA : Arabishoboye n'uko atumvikana natwe ba RUJIGO. Kandi uziko amaso ya Finance tudahumbya.

MUSAFILI : Mwe shahu mugira amahirwe yo gukora ku mupaka. Sa mbili inagera wifitiye bitanu mu ntoki, naho njyewe n'ugucungira ku yo mpembwa ukwezi gushize.

ALOYIZIYA : Ayo uhembwa se urayagaya ?

MUSAFILI : Oya! uretse ko ntawanga ijana mu lindi. N'igihe nzaba mfite abana, ayo yo ku ruhande niyo nabashimishamo. Ntiwiyibagize ko amazi a atera ikirungulira !

ALOYIZIYA : Kulya muhembwa menshi, niyo mpamvu musigaye musuzugura amazi yabareze akabakuza .

MUKESHIMANA : BAREKE mwana wa Mama n'uko Imana yabahaye.

MUSAFILI : Umva kandi akazi k'abaturage !

MUKESHIMANA : Reka se ndangize. Mwirengegiza amazi ali ngombwa kugira ngo tubeho ?

ALOYIZIYA : Erega muramubonye !
Abantu nka mwe mwize, mukora ibintu nk'ibyo ?

MURWANASHYAKA : Niko mwa... uzi ibitaramo bya kera ?
... Uzi ibyo bitaga amahomvu cyangwa ubuse ?
Ni ibyivugo byasebanyaga.

ALOYIZIYA : Ahaaa, uwakwishinga ibitaramo byanyu yacyura ishingwe !!!

MURWANASHYAKA : N'ubundi uwigize igitebo ayora ivu mwana wa ma...!

ALOYIZIYA : Nanjye se uranyihaye ? reka nigendere mbihorere
(AHAGURUKE ABASEZEREHO, MUSAFILI AMUHEREKEZE).

=======================================

MUSAFILI NA ALOYIZIYA

ALOYIZIYA : MUSAFI... ngusabye kuzaza kunsura mbere y'uko ujya muli konji. Uzazane n'uliya musore ukora muli Finance.

MUSAFILI : Njye nzashobora kuboneka, aliko se sinzi ko yaboneka kuko ali umukozi utagira programu.

ALOYIZIYA : Ubwo wowe n'uboneka bizaba bihagije
Nawe aliko uzamubaze !

MUSAFILI : Nzagerageza kumuzana, kuko ntacyo akunda kumpakanira.

ALOYIZIYA : Ndabona bwije, reka nihute nsange abandi, nawe ujye guherekeza abavandimwe. (BASEZERANEHO)

MUSAFILI : (ASUBIYE MU RUGO) Ubundi ndi mu nzira igana ukwezi...
Mbese navuga ko ngeze mu cya kabili cy'iyo nzira.
Umunsi nageze ku mpera, nkaba nateye intambwe ndende, nzishimiramo na NYIRARUKUNDO wanjye.
(ABE AGEZE KU MULYANGO YINJIRE)
Sinabatindiye ra ?

MURWANA.... : Watinda se ko wali kumwe n'Ilibagiza twe watwibukaga ?
Aliko waragushije mwa ! ijana ku ijana.

MUSAFILI : Yambwiye ko akwifuza iwabo, ngo uzamutegulire n'imishali.

MURWANA : Imishali n'iki ?

MUSAFILI : Ni ibiparu bishyushye mwa !
Namwemereye ko tuzazana mbere y'uko njya muli konji.
Ubwo ni kuli mirongo itatu n'imwe z'uku.

FELESIYANI : Ndagutinye sha Musafi....

MUKESHIMANA : Bite se kandi FELESIYANI ko utangiye kuzana
iby'inka yarembye ?

FELESIYANI : Sinaherutse se uli umuganga!
Uzumvikane na ba veterineli bene wanyu muyivure.

MUSAFILI : Mperutse gusoma mu KINYAMATEKA, ngo :
"Iyo uli umusore, nkanjye cyangwa se wowe, ukagira
igikandagizo, igikingamavi, ikiziliko n'ikibabi,
ukigilira umukobwa w'inshuti yawe, n'utundi, mugasurana,
yagira umunsi mukuru, ukamuha agacupa ka Martini, ya
carte postale y'ibyifuzo mu muziki, sha ngo ntako bisa n'impamo.

FELESIYANI : Birumvikana. None se ubwo bukungu bwose yaba agusangaho !

MURWANA : Erega n'amafaranga ntituyabuze, sinibaza impamvu ibyo
byiza byaducika tubireba.

MUSAFILI : Hanyuma rero MURWANASHYAKA, ntuzirangareho. Abana n'abakobwa
bihagaraliye gutya ! Aliko ngushimiye uwitwa UMULISA.
Ni umwana mwiza, witonda, mbese n'Imana y'i Rwanda.

MURWANA.. : Aho ndi yo mwa! Halya ngo ni UMULISA ? Akomoka he ?

MUSAFILI : Ni uwa halya i nyumba, hafi y'ishuli ly'ABAKATA.

MURWANASHYAKA : Eh! ni umuzambiya? uwo tuli kumwe mwa ! Aliko se, ko
watubwiye urugendo uzagilira kiliya kizubazuba mbere
ya konji, aho ntibyaba byarakomeye ?

MUSAFILI : Byarakomeye rwose! Ahubwo hasigaye kubitema no kubitara,
tukabitura ababyeyi bagasogongera ku umushongi w'urukundo rwacu.

MURWANASHYAKA : Aliko se MUSAFI... uwo mwana ubonaaaa.....

MUSAFILI : Ndamugushimiye rwose..., Yakira neza abashyitsi, araganira,
Yewe, ntako namuvuga uzamwibonera umushime.

.../...

MURWANA.... : Yize he ?

MUSAFILI : Kimwe n'ALOYIZIYA, yize ku KARUBANDA, kandi akora muli Caisse Sociale ku KACYIRU.

MUKESHIMANA : Twizere aliko ko atali BARAHURUYE !

MUSAFILI : Byizere rwose kuko nta mezi atanu aramara arangije kwiga. Nta n'ubwo akora mu biro rusanga cyangwa muli resebusiyo ngo abe yamenyana n'abantu benshi.

FELESIYANI : Ubwo se mu biro bye nta ka telefoni kalimo ?

MURWANA : Yabamo se? Ubwose urashaka kunca inyuma mwene da...?

FELESIYANI : Ndavuga ko wenda haba hali abo bavuganira muli telefoni! Kandi bikunze kuboneka.

MUSAFILI : Ubundi bwo.

MURWANASHAKA : MUSAFI... Tureke tugende ubwo tuzaba tubyuzuza vuba aha duhuye, cyangwa se uje iwacu. (BASOHOKE)

=======================================

## IGICE CYA KABILI

## AHO ALOYIZIYA ACUMBITSE

UMULISA, UWANTEGE (ALOYIZIYA)

UWANTEGE : (ARASOKOZA KUKO YITEGURA GUTEMBERERA INSHUTI, NAHO UMULISA ARAFUMA IGITAMBARO)
Niko Mari.. icyo gitambaro ko wakilyoheje uzagiha nde ?

UMULISA : Nzagiha nde se ko nta nshuti ngira !?

UWANTEGE : Ubwo se walinze kurangiza kwiga utagira inshuti ?

UMULISA : Erega n'abasore bamwe ni abatulya umutima ! Niyo mpamvu ntagomba kubizera, kandi sinkuze byo kugira inshuti.

UWANTEGE : Hora ye ! Nta soni gutinyuka ukavuga utyo ? Cyangwa ni ubuturage bwanga bukakuganza ?

UMULISA : Nta buturage buraho. Kandi n'iyo bwahaba, sinibaza niba ugomba kwishyira mu rwego utalimo. Ni ukwibeshya rwose !

UWANTEGE : Ibyo byivanemo nyabu. Urwo rwego uvuga se, rumbwiye iki ? Ahaa! Uwakwihorera (YINJIRE MU CYUMBA)

UMULISA : Yewe, iyi si iranze ibaye mbi!!!
Aliko ni twe tuyihindanya, tukanduza umuco mboneragihugu.
Nyamara ibyo byose bikorwa n'abajijutse kurusha abandi!
Ndi "ISUGI Y'UTASAMANYWICYAHA"...
Kandi nzakunda u Rwanda. Ahaa! Nyamara, ntagifite umumaro

mu nsi y'ijuru. Umwana aravuka. Agakura, agasaza.
Kuki ataramba kuli iyi si ?
Tugomba kuyitondamo ! Tugakorera igihugu cyacu,
tukarwana ku muco.

(ALOYIZIYA YINJIRE)

===========================================

ALOYIZIYA wiliwe Mari... ko wivugisha ra ?

UMULISA : Ndeka rwose ABAKOBWA mu mugi baranze baroramye. Ubonye ngo umukobwa muzima alikeka amababa akijyana nka kagoma igunka ! Ubwiza nyabaki se ? Nibilye bimare simbabujije !!!

UMULISA : (BOSE BUMIWE) Ntawalibara!!!

ALOYIZIYA : Bite se kandi ?

UMULISA : Umbabalire simureze, ahubwo ndagira ngo dufatanye kumugarura mu nzira nziza, hato atavaho yanduza umuco Nyarwanda.

ALOYIZIYA : Ni byiza, kandi twese tuli abana b'Imana, tukaba tugomba kwumvikana, tugakemura ibibazo byacu ntawe ubyiroshyemo...Aliko se ko mfite ibibazo byinshi ?

UMULISA : Nabyo twabikemura

ALOYIZIYA : Ubundi bwo kuko hakora ubufatanye.

UMULISA : Ibyo bibazo se ni ibihe ?

ALOYIZIYA : Ubu ndategura urugendo !

UMULISA : Iwanyu se ?

ALOYIZIYA : Ni ukobimeze, nzajya gusuraababyeyi, mbagezeho igitekerezo cyanjye cyo kurushinga !

UMULISA : Urushingana nande ? Uziko uli umwana mubi ! kuki utali watubwiye?... Ni mupenzi se ?... (AMWIKILIZE) Sha ulya musore aritonda ! Njye mukundira ko adashamaduka.

ALOYIZIYA : Bulya arumvikana, akaganira, nabonye adakunda nabimwe bisanzwe mubakozi ba Finance.

UMULISA : Ni ibiki se biba mu bakozi ba Finance ?

ALOYIZIYA : Hali ukulya RUSWA, z'abinjiza ibintu binyuranyije n'amategeko. Nk'iyo atamucashuye, n'ukuyiyobora i Gikondo bakabiteza icyamunara.

UMULISA : Ubundi bwo !!! Aliko se, ko akora mu biro, aba yahuliyehe nabyo ?

ALOYIZIYA : Mu biro naho balya amazeru !

UMULISA : Byashoboka bite ?

ALOYIZIYA : Nko ku gihumbi, bafata izeru ya nyuma, hagasigara abili.

UMULISA : Hanyuma se ?

ALOYIZIYA : Ubwo aba aliye magana-cyenda ashigaje ijana gusa.

UMULISA : Bagufashe se ?... Nta bujura burenze ubwo, ndetse azabwilinde buragatsindwa!

ALOYIZIYA : Hanyuma rata, sinzatindayo kuko nta ruhushya rw'akazi mfite.

UMULISA : Uzagire urugendo rwiza !

ALOYIZIYA : Uremenye rero ntimuzavugane nabi, biliya bibazo byanyu uzabyihanganire.

UMULISA : Nzabyihanganira, aliko twali dukwiye gufatanya tukamugarura mu nzira nziza.

Aloyiziya : Ibyo ni ibintu tugomba kwitondera, si ibyo guhubukirwa.

UMULISA : Bite ?

ALOYIZIYA : :Ndashaka ko twabikora mu buhanga buhambaye.

UMULISA : Gute ?

ALOYIZIYA : Tukabikora nko mu biganiro, atazi icyo dushaka kugeraho.

UMULISA : Ubwo ni ukuvuga ko dushobora nko kubinegura tuli kumwe,...

ALOYIZIYA : Yeee, yagera aho, akumva ko nawe ali muli uwo murongo,...

UMULISA : Akikosora.

ALOYIZIYA : Akagaruka mu nzira nziza.

UMULISA : Aloyizi..., ndagutinye

ALOYIZIYA : Kuki ?

UMULISA : Uziko utekereza kurusha za mashini zibara mukanya gato !!!

ALOYIZIYA : ye ? (HASOHOKE UWANTEGE YAMBAYE NEZA).

====================================

UWANTEGE : ALOYIZI... waje lyali ? (BARAMUKANYE) uziko ntazi igihe waziya !

ALOYIZIYA : Ngeze aha nonaha. Ugiye he se ?

UWANTEGE : Ngiye i Nyamirambo gusura Damaseni, ngo yakoze Accident vuba aha.

ALOYIZIYA : Yuuu, mbese niwe numvise wagongeye ku giti cy'inyoni ava mu Ruhengeri ?

UWANTEGE : Oya, we yagongeye i Musambira kuwa kabili, aliko ngo ntacyo yabaye.

ALOYIZIYA : Umubwire ko tumusuhuza, kandi tumusabira ku MMANA. Niko, n'ugera ku isoko, ungulire igitabo nabonyeyo cy'abagora n'abakobwa! Unzanire na cya Kinyamakuru cy'i MOSCOU, nabonyemo inyandiko nziza y'inkumi n'abasore.

UWANTEGE : Tunyuliremo se !!!

ALOYIZIYA : Ni inkuru ntashoboye gusoma yose kuko nihutaga.

UMULISA : Yerekeye iki ?

ALOYIZIYA : Aho nagejeje, bavugaga inkuru y'umukobwa w'umusovietikazi. Ngo yatangiye gushaka inshuti afite imyaka cyenda gusa. Bakomeza bavuga ko yirukanywe gatatu kose kubera iyo mpamvu. Abanyamakuru bamubajije umubare w'abakunda, abasubiza ko atabazi kuko hali n'abo atazi amazina bataranabonana ngo baganire. Ngo hali n'abo baganira kuli telefoni akumva abakunze atarababona mu maso.

UWANTEGE : Ibyo hali n'abanyarwanda babikora, kandi numva nanjye mbalimo !

UMULISA : Byashoboka ko haba hali abagushuka.

UWANTEGE : Bararengana ! ...Nge ni ikintu kindimo gusa, nkumva ngomba gukunda. Nabona umusore uyu n'uyu nkabona mukunze, usibye ko hali n'abo tudashobora kubugana.

ALOYIZIYA : Ubwo ni ukugerageza kubyihana.

UWANTEGE :Byashoboka bite se ?

ALOYIZIYA : Yego sinkubuza gukunda, aliko njye wilinda gutwarwa n'igihagararo cy'abantu.

UMULISA : Njye nasanze byose ali ubusa.

ALOYIZIYA : Hali umuntu wivugiye, ngo "ubusa busa, ubusa gusa, byose ni ubusa". Yarakomeje, ati: " imigezi yose itemba igana mu nyanja, nyamara inyanja ntiyuzura". Nibutse ibyo twize mu bumenyi bw'ibidukikije, nsanga koko byose ali ubusa.

UMULISA : iii, Byose niubusa !

ALOYIZIYA : Iyo ukwezi kwitse, amazi y'inyanja aruzura. Nyamara imigezi yose ntiyuzuza. Uwo muntu yarakomeje, ati:"N'uwatunga ibyahe, sibyo byamuhera umutira kunezerwa".
ati: "Sinimye amaso ibyo kuyashimisha, ntacyashimisha umutima wanjye nigeze nywima. Nishimiye ibyo nakoze byose, ninacyo cyabaye ingororano y'umulimo wanjye". ati : " Nitegereje imilimo yose y'amaboko yanjye, ntekereje n'umuruho wose nabikoranye: yewe nasanze byose se ali ubusa, ni uko kwiruka inyuma y'umuyaga... Nta n'igifite umumaro munsi y'ijuru".

UWANTEGE : Nibyo koko.... Nta gifite umumaro munsi y'ijuru. Aliko se, Nzabyifatamo nte ?

ALOYIZIYA : Umunyabwenge utuje yalivugiye, ngo "JYA WISHAKIRA INSHUTI Y'AMAGARA".

UWANTEGE : None se ?

ALOYIZIYA : Uwo MUNYABWENGE yaravuze, ati : "Jya ngirana umubano n'abantu benshi, aliko abakugira inama, mu bantu igihumbi jya uhitamo umwe".

UWANTEGE : Ndumva noneho ntacyo nkosaho ! yewe ndihuse, atagirango namuhemukiye kuko mbonabukeye.

UMULISA : Ngaho genda, umudusuhulise, umubwire ko tumusabira ku MWANA.

UWANTEGE : Yego, ngaho ndagiye. (AGENDE)

==================================

UMULISA - : ALOYIZI..... Sinakubwiyeko utekereza kurusha za mashini ziberanya ? Biliya bintu ubitekereje ute ?

ALOYIZIYA : Twize kubana neza n'abandi, twiga kworoherana,

UMULISA : Aliko ushobora kuba ukulikiza amategeko y'ibyo wize!

ALOYIZIYA : None se ? Buliya nyine abaye umutagatifu mu bandi.

UMULISA : Nibyo koko ! uretse ko nanjye nali maze gutwarwa.... Sha, nanjye ujye unyigisha iby'abo banyabwenge.

ALOYIZIYA : Igihe cyose tuzaba tulikumwe, ujye unyibutsa mbikunyuliremo.

==============================

.../....

IGICE CYA GATATU

KWA BIHIBINDI MU RUGO

BIHIBINDI, NYIRAMAVUGO, ALOYIZIYA, RWAMUHIZI.

BIHIBINDI : (YICAYE MU MBUGA AKWIKIRA ISUKA)

NYIRAMAVUGO : (ARASYA AMASAKA).

BIHIBINDI : Mbe NYIRAMAVU..., erega ubu nayobewe !

NYIRAMAVUGO : Ni ibiki se kandi ?

BIHIBINDI : Ubu mba nicaye ngatekereza, ngasanga nkumbuye umwana wanjye Aloyiziya.

NYIRAMAVUGO : Erega reka umukumbure ni mu gihe! none se ko aliwe ukugize!... Akaba ali we ukesha agatabi,

BIHIBINDI : N'agacupa,

NYIRAMAVUGO : Yewe, ngewe n'uwamunyereka mu maso gusa !

BIHIBINDI : Njye rwose ndumva mukumbuye ! Iyo biba ibishoboka ejo namutashyeho.

NYIRAMAVUGO : Kandi utazi iyo aba !

BIHIBINDI : Nzi ko aba i Kigali! Nagezeyo rero sinamubura.

NYIRAMAVUGO : Humura ubwo wamutekereje araza kuza. Kandi ni no ku kwezi aramutse ataje ntiyabura uwo agutumaho.

BIHIBINDI : Arakaza neza shenge we !
Umva kandi ngo alishimira ibyo atabona.
(HINJIRE RWAMUHIZI YITWAJE AKABANDO)

==============================

RWAMUHIZI : Muraho yemwe abo kwa BIHIBINDI ?

BIHIBINDI : Muliho RWAMUHI....?

RWAMUHIZI : Ngaho ndaho n'ibirwara bitansibaho.

NYIRAMAVUGO : NIKO iby'iyisi bimera. Bihora bihindagulika.

RWAMUHIZI : None se tugire dute ?

BIHIBINDI : Ni ukubifata uko bili tukabyakira uko Imana ibiduha.

NYIRAMAVUGO : Mu rugo baraho ?

RWAMUHIZI : BAraho.

NYIRAMAVUGO : Nabana bose ?

RWAMUHIZI : Abana bose ugirango gilipe ntibageze habi!
Hali kamwe gaherutse kuvuka ko, ilijoro twali tuzi ko kataramuka.

BIHIBINDI : Hali imiti se mwababoneye?

RWAMUHIZI : Ntako tutagize. Nawe nyina ntasiba kwa Muganga, imiti turagura aliko bikaba iby'ubusa.

RWAMUHIZI : Abana se ko badakoma bagiye he ?

BIHIBINDI : Nahabwirwa na nde ? Abana b'aha se ko bashyiliye ubwigenge bwabo! Ni ukwilirwa bazenguruka igihugu, bagacyurwa n'ijoro!

NYIRAMAVUGO : Yikubeshya rata bagiye kuvoma! mbatumye kuvoma utali haliya mu gikali ?

BIHIBINDI : Nabibwirwa n'iki ko ntazi igihe bagendeye!

NYIRAMAVUGO : Hanyuma se wibwira ko twali gukoresha iki?

BIHIBINDI : Ibyo sinabitekereje ! Aliko se NYIRAMAVU..... nta cyasigaye ngo uzane dufungulire RWAMUHIZI ?

NYIRAMAVUGO : Ese ngirango nanibukaga! ubusaza n'imilimo myinshi, bizatuma nibagirwa abashyitsi (AVUGA AGENDA) reka nze.

BIHIBINDI : RWAMUHIZI.. twabonye akagwa hano mu gitondo gya kare tugashyira BUKIRE, agasigaye twilirwa tukanywaaa.

RWAMUHIZI : N'izuba lili hanze aha liteye inkeke, (NYIRAMAVUGO AZANE IGICUMA CY'URWAGWA) urakoze wo kagira Nyoko wakubyaye we, ugirango izuba n'inyota ntibyali binyishe!

NYIRAMAVUGO : Numvise ko ku KIBUYE ho ntawe ugisarura, ngo mu milima washumika umuliro ukaka.

BIHIBINDI : Kiliye abandi kitakuretse Nyabusa! uratakira abandi ukirengagiza bwa busa bwawe ngo n'ibishyimbo wateye inyuma aha ! Ngaho ra.

RWAMUHIZI : Niko BIHIBI....ko numvaaa ugeze i Kigali ahinduka agata umuco, aho umwana wacu waba uzi adukuru twe ?

BIHIBINDI : Rwamuhi...umwana,wanjye yalize n'impamo y'Imana! Ibyo byo guta umuco byo ndabiguhakaniye !

RWAMUHIZI : Nagira ngo ahali yaba yalishyingiye,

BIHIBINDI : Oya, Hoya hoya hoya hoya!!! Umwana wanjye ntanabirota.!

NYIRAMAVUGO : Ko yize se yaba yishyingira ashaka iki ko afite umushahara umukwiye kandi umuhagije ?

RWAMUHIZI : Aliko kandi, Leta iraduhemukira cyane.

BIHIBINDI : Ite se ?

RWAMUHIZI : Nk'abana bacu, balibakwiye kubaha imilimo hafi y'iwabo batagombye kubajyana i Kigali.

NYIRAMAVUGO : None se ino bahakora iki ?

RWAMUHIZI : BAgakora kuli Komini cyangwa muli iliya mishinga y'ubuhinzi.

BIHIBINDI : Ahangaho ulibeshye, kuko Komini itashobora gukoresha abarangiza kwiga bose.

..../....

RWAMUHIZI : Nibyo koko. Aliko se,... ko mbona muli iliya mishinga yose hakora abanyamahanga ?

BIHIBINDI : Biterwa n'icyo umuntu aba yalize. Nka wa mukobwa wacu yize gushyikirana n'abandi. Urumva ko atishora mu by'ubuhinzi.

RWAMUHIZI : BIHIBI... Ndasobanukiwe, ahasigaye reka ntahe ndabona umunsi uciye ikibu kandi uzi ingorane zili mu rugo.

BIHIBINDI : Ngaho nguherekeze. Enda NYIRAMAVU... Bika aka gacuma.

NYIRAMAVUGO : Ngaho genda, uti mukomere kandi mwizere Imana !

==================================

NYIRAMAVUGO : (ALI MU RUGO WENYINE ASHIGISHA) aliko aba bana bagiye he ? babona ko nzajya nifasha imilimo bagiye kubunga.....
Njye ibi biranyoboye rwose. None se wa mugani wa BIHIBINDI, ko bamara kulya bagashogoshera, amaherezo azaba ayahe ?'...
Mbure n'umpereza udukwi! Abazabona njya gusenya bazagira ngo sinabyaye ? (AHAGURUKE ABANA KU IREMBO, ABONERE KURE ALOYIZIYA) uliya muntu uza hano ni nde ?
....... yaba ali ALIYIZIYA SE ? Oya, uliya ndabona ali munini cyane kumurusha (ASUBIRE MURUGO) Ibyo muli uru rugo biranyobeye. Ubonye ngo....(ALOYIZIYA ASUHUZE, Nyina AMUSANGANIRE YISHIMYE) uraho LOYIZI...?...Gira umugabo! : (AMWIKILIZE) GIRA ABANA.

ALOYIZIYA : Ni bo nifuza !

NYIRAMAVUGO : Ntabwo imilimo igiye kunshajisha igihe kitaragera.

ALOYIZIYA : Nyamara ndabona ugikomeye !

NYIRAMAVUGO : Nta mikomerere-nta mikomerere wa mukobwa we.

ALOYIZIYA : Abandise bagiye ha ?

NYIRAMAVUGO : Swo ali hilya iyo mu rutoki, naho basaza bwe bo bacyurwa n'ijoro.

ALOYIZIYA : Abana b'ubu niko bameze, i Kigali ho hali n'abatazi iwabo, bilirwa bagenda bakarara iyo bwije bageze.

NYIRAMAVUGO : Ubwo se i Kigali hali amazu bacumbikiramo inzererezi ?

ALOYIZIYA : Nta mazu barara aho babonye mu bigunda no ma mateme.

NYIRAMAVUGO : I Kigali se haba ibigunda ? (AMWIKILIZE)
Noneho naho barahinga ?

ALOYIZIYA : I Kigali hose siko ali umugi! umugi uli i Nyarugenge gusa, kandi naho barahinga.

NYIRAMAVUGO : Mugahinga mu mugi kandi muli abasilimu ?

ALOYIZIYA : Hali ubusitani abantu bagira iwabo, bagahingamo indabo, imbuto,...

NYIRAMAVUGO : Ubwo se izo ndabo murazilya ?

.../...

ALOYIZIYA : Ntituzilya ahubwo turazitegura. Hali n'imirenge bahingamo. Nka KACYIRU, GIKONDO, NYAMIRAMBO.

NYIRAMAVUGO : Wose se utuye ha ?

ALOYIZIYA : Ntuye mu KIYOVU.

NYIRAMAVUGO : Sinali nzi ko i Kigali bahinga !

ALOYIZIYA : Kigali ni nini cyane. N'ahanini ni abaturage batunzwe n'isuka nk'i KANOMBE,

NYIRAMAVUGO : Hali i Kibuga cy'i NDEGE ? Ubwo se ntizilibata ibyo bahinze ?

ALOYIZIYA : Zahuliye he nabyo ? ikibuga kili nk'aha no kwa RWAMUHIZI.

NYIRAMAVUGO : Ngaho nyibwilira mwana wanjye. Erega nkatwe tuba dushaka kumenya uko mu Rwanda rw'iyo hameze !

ALOYIZIYA : Ni nk'ino, usibye ko hali ibitaboneka ino biba i KIGALI: Nk'amatara yoku mihanda amulika nijoro, amaduka n'utudukuru mu mpandezose.

NYIRAMAVUGO : Erega i Kigali barakataje !

ALOYIZIYA : Barakataje aliko bifitiye ingorane zitoroshye.

NYIRAMAVUGO : Ingorane nyabaki se ?

(BIHIBINDI AVUGIRE MURUTOKI)

BIHIBINDI : Uwo ni nde muvugana NYIRAMAVU....?

NYIRAMAVUGO : Ni umukobwa wawe waje, ngwino umusuhuze. (ABWIRA ALOYIZIYA) Uziko mu gitondo yigeze kuvuga ko agukumbuye ? (Ubwo BIHIBINDI ABE ARAHAGEZE BARAMUKANYE)

BIHIBINDI : MURAHO LOYIZI....?

ALOYIZIYA : Ndaho !

BIHIBINDI : Gira umugabo.

ALOYIZIYA : Nibyo nifuza.

BIHIBINDI : N'uko n'uko.

ALOYIZIYA : Ino murakora ntimuruhuke ?

BIHIBINDI : Ahaaa, amategeko ali hanze aha ntiyoroshye, ngo niduhinge kijyambere, turwanye isuli, dutere ibyatsi......

ALOYIZIYA : Ni ngombwa kugirango umusaruro wiyongere.

NYIRAMAVUGO : Bitumaliye iki se wa mukobwa we ko izuba lili hanze aha liteye inkeke !

ALOYIZIYA : I Kigali ho ntitugisinzira kubera icyohere cya nijoro gitewe n'izuba.

BIHIBINDI : Aliko se muko.... uracyategerejc iki ?

ALOYIZIYA : Kuki ?

BIHIBINDI : Imyaka makumyabili utarambyalira akuzukuru ?

NYIRAMAVUGO : Uragira ngo se azamwibyareho ?

BIHIBINDI : Azavuge tumushyingire,.....

NYIRAMAVUGO : Waramushyingiye se aranga?

BIHIBINDI : Ubu se urabona ali umwana wo kubwilizwa gukora iki n'iki ?

ALOYIZIYA : Erega mwavaho muntonganira!

BIHIBINDI : Ngaho se mbwira icyo ubitekerezaho.

ALOYIZIYA : Ibiki se ?

BIHIBINDI : Nzalinde nsaza ntabonye akuzukuru ?

ALOYIZIYA : Muzakore uko mwifuza, aliko...

BIHIBINDI : Aliko iki ?

ALOYIZIYA : Ntimuzanshyingira aho ntashaka.

BIHIBINDI : Aho udashaka se ni he ?

ALOYIZIYA : Niba mfite uwo nkunda nawe ankunda, sinakwemera gusanga uwo ntazi ntanakunda.

NYIRAMAVUGO : Uwo ukunda se ni nde ra ?

ALOYIZIYA : Muzabona aje abasanga vuba.

BIHIBINDI : Ni ibyo nifuzaga. (YISHIMYE CYANE) Aliko ntibihagije.

ALOYIZIYA : Kuli twe birahagije, kandi nitugera mu kwezi namwe bizabashimisha.

NYIRAMAVUGO : Tukazongera guhulira he ?

ALOYIZIYA : Tuzabonana tuganire !

BIHIBINDI : Duhuliye he se ?

ALOYIZIYA : Tuzaganira neza nituza iwanyu. Tuzaganganira ni muza iwacu.

BIHIBINDI : Ko nshimye se komwe mufite amafaranga, nkatwe tudafite nabusa tuzavanahe ibyuma tuzagendamo ngo tugere muli uko kwezi ?

ALOYIZIYA : Kugerayo ntibiruhije iyo ufite uwo usangayo.

BIHIBINDI : Yewe, ibyo byo ndabiguhakaniye !

NYIRAMAVUGO : ALOYIZI.... ntibyoroshye.

ALOYIZIYA : Biroroshye cyane. Nk'ubu twarangije kwubaka icyuma kizatujyana alirwo rukundo rwacu.

BIHIBINDI : Eeee, ndabyumvise !

NYIRAMAVUGO : Reka se anyibwilire.

ALOYIZIYA : Twamanacyakije, niyo mpamvu dushaka gutumira abo tuzajyana mu kwezi ali rwo rwa rugotuzubaka.

BIHIBINDI : Ni uko n'uko mwana wa... ibyo ni byo nifuza. Naho gupfa ntabonye akuzukuru,

ALOYIZIYA : Humura uzamubona vuba!

ALOYIZIYA : Ni uwankunze kandi nakunze.

BIHIBINDI : Ninde se, ni uwahe, akora iki ?

ALOYIZIYA : Muzamumenya. Aho aturuka ni i NGOMA, agakora muli finance.

BIHIBINDI : Ngo muli Finance? Finance n'igiki ?

ALOYIZIYA : Ni ishami ly'ubutegetsi lishinzwe iby'ubukungu

BIHIBINDI : Ishami ly'ubutegetsi? ....lishinzwe iby'ubukungu? (YIVUGISHA BUHORO) tugiye kugira umulyango w'abategetsi b'abakungu !

NYIRAMAVUGO : Niko Loyizi....bulira se utagiye gusura MUKANKUBANA?

ALOYIZIYA : Erega baliya barampigira.

NYIRAMAVUGO : Humura ntacyo bazagukoraho. Ujye ubilinda, ahasigaye uberekeko ubishimiye.

ALOYIZIYA : Reka mpfe kujyayo, aliko...(AGENDE) ndumva binteye ubwoba.

BIHIBINDI : Humura mwana wanjye!

BIHIBINDI : (YISHIMYE CYANE) urabizi NYIRAMAVU..., tugiye kugira umulyango w'abategetsi b'abakungu.

NYIRAMAVUGO : Aliko rubanda mwumva nabi.

BIHIBINDI : Twumva nabi ibiki ? Ntiwumva ? Ishami ly'UBUTEGETSI LISHINZWE UBUKUNGU.

NYIRAMAVUGO : Ngaho ishime unezerwe wo kagir'IMANA we,

BIHIBINDI : Ndishimye rwose.

NYIRAMAVUGO : Wishimiraga UMUKOBWA wawe utarumva ko azasabwa n'abakungu!

BIHIBINDI : Ni ukujya njyayo bakanyicaza mu ifuteye nziza bakampa ku nzoga yo mu kwezi nkumva uko mbaye !

NYIRAMAVUGO : Ahaaa, ulishimira n'ibyo utarabona !

BIHIBINDI : Rwose.

NYIRAMAVUGO : Twizere ko bizaba.

BIHIBINDI : BIZABA RWOSE KANDI NZABISHYIGIKIRA.

==============================

.../...

IGICE CYA KANE AHO ALOYIZIYA ACUMBITSE

ALOYIZIYA, UWANTEGE, UMULISA, MUSAFILI MURWANASHYAKA.

BOSE BALI MUCYUMBA CY'URUGANILIRO
BUMVA RADIYO KANDI BAGANIRA.

MURWANA..... : Niko MUSAFI... Ko utavuga bite ? Urakulikira umuziki gusa ukibagirwa icyakuzanye.

MUSAFILI : Haracyali kare shahu reka niyumvire. Uzi ukuntu nkunda iyo ndilimbo.

UMULISA : Erega si wowe wenyine, nanjye nkunda cyane MYIRAMALIZA.

ALOYIZIYA : Ntawe utayikunda. Aliko njye nkunda cyane indilimbo za KAGAME ALEGISI, iza John BEBWA n'iz'INKUMBURWA.

MURWANASHYAKA: N'uko utazi ukuntu nkunda wa mukobwa ulilimba mu BAMARARUNGU.

ALOYIZIYA : Uwuhe ?

MURWANASHYAKA: Umwe utera muli ya ndilimbo Abamararungu balilimbiye O.R.T.P.N.

MUSAFILI : Ulya alilimba neza cyane.

MURWANASHYAKA: (ABWIRA umulisa) Bite se Madmaze?

UMULISA : Ibiki se ?

MURWANASHYAKA: Wose nta ndilimbo cyangwa ITORERO ukunda ?

UMULISA : Nakubwiye ko nkunda NYIRAMALIZA ya Orchestre IMPALA.

MURWANASHYAKA: Naho se wowe (ABWIRA UWANTEGE)

UWANTEGE : Njye byose mbishyira mu mufuka umwe.

MURWANASHYAKA: Ngo mu mufuka umwe ?

UWANTEGE : Yeeee!

MURWANASHYAKA: Na bya bindi bya karasike se urabikunda ?

UWANTEGE : Ndabikunda kuko bimfasha gusinzira neza.

MURWANASHYAKA: Naho se za ndilimbo Gakondo.

UWANTEGE : Izo zataye agaciro. Aliko kera narazikundaga zikinyura kuli Radiyo kuko zamfashaga kumenya abavuga nabi, abacuranga nabi,

MURWANASHYAKA: Noneho mvugije n'ikondera byagushimisha!

UWANTEGE : Byanshimisha kubona umusore w'umusilimu yigana abatwa.

MURWANASHYAKA: Nta n'icyakubabaza kibaho ?

UWANTEGE : Byose iyo nabishyize mu mufuka umwe, ntoranya ibyiza gusa, ibindi nkabirekeremo.

MURWANDASHYAKA: Nink'ibiki urekeramo ?

UWANTEGE : N'ibiganiro byawe bili muli uwo murongo (AHAGURUKE AGENDE)

MURWANASHYAKA: Ahaaa, mbabaliye umusore uzakujyana wa mugani w'IMPALA.

ALOYIZIYA : Erega uliya natwe yaratunaniye !

MUSAFILI : ALOYIZI... naje kugusezeraho uyu munsi, nk'uko wabinsabye. Kandi dore na wa MUMARARUNGU namuzanye.

ALOYIZIYA : Ni byiza cyane. Nanjye ku cyumweru navuye mu rugo.

MUSAFILI : Nta cyiza se bakubwiye ?

ALOYIZIYA : Nasanze nabo alibyo balimo

MUSAFILI : Nizere nanjye ko bazabyakirana umutima mwiza.

UMULISA : Niba ali ibintu by'ingira kamaro se !

MURWANASHYAKA: Ntubizi se ?

UMULISA : Mbibwiwe na nde ?

MURWANASHYAKA: ALOYIZIYA se ntiyabikubwiye ?

ALOYIZIYA : Hano tuvuga byinshi cyane,

MURWANASHYAKA: Muli ibyo byinshi se, ntimuvuga igihe muzaba mwageze mu kwezi ?

ALOYIZIYA : Ibyo by'u Kwezi byo turabiganira, kuko twese aliyo tugana.

MURWANASHYAKA: Twizere twese ko tuzahulirayo, tukiberayo mu mahoro.

MUSAFILI : Ni ngombwa rwose.

UMULISA : Aliko ibyiza n'uko twajyana tutalinze kuzahulirayo.

MURWANASHYAKA: Ntibyoroshye kuko bamwe tutalitegura.

ALOYIZIYA : Namwe se muyakoramo mwitegura imyaka n'imyaka nk'abapagasi ?

MURWANASHYAKA: Wowe wumva ko twayabonye ukirengagiza ko IMBEBA Y'IGIHUBUTSI YAGUYE MUNSI Y'IBUYE IKAVANAMO INDA Y'AKABATI.

ALOYIZIYA : Ibyo ndabyirengagiza kuko AKABANDO K'IMINSI UGACAKARE UKAKABIKA KURE.

MURWANASHYAKA: N'ibyo nyine. UKAKABIKAKURE! Hali icyo wongeraho se ?

MUSAFILI : Njye ndacyongeraho Yoha...

MURWANASHYAKA: Ni igiki ?

MUSAFILI : UGACAKARE, UKAKABIKA KURE!

MURWANASHYAKA: Simbyumva!

MUSAFILI : Uko bimeze, ushaka kujya mu kwezi, ntagenda wenyine.

MURWANASHYAKA: Ugomba uwo muzajyanayo rero.

MUSAFILI : Iyo umaze kumubona, mwubaka cya cyuma kizabajyanayo. Mwarangiza mugashaka umwuka muzajyanayo, mugatumira n'abanyu ngo bamenye aho mu giye.

MURWANASHYAKA: Sha MUSAFI... ni mu gicuku n'impamo!

MUSAFILI : ALOYIZI... ntiwamusobanulira!!!

ALOYIZIYA : Ndamusobanulira iki se ko byose byumvikana ?

MURWANASHYAKA: Kuli njye ni mu gicuku kuko murazimiza mugakabya.... UMULI.... wowe hali icyo wiyumvira ra ?

UMULISA : Ndaguhakaniye rwose..

MUSAFILI : Kuki se mutabyumva ?

MURWANASHYAKA: Reka nkubwire impamvu MUSAFILI....
Muli twe, nta n'umwe wize tekiniki ku bulyo yakwiyubakira Fusee.
Umwuka wo twawugura kwa RAMJI kuko awukora muli OXYRWA i GIKONDO.
Naho gutumira abacu, ntibishoboka rwose kuko batayikwiramo.

ALOYIZIYA : Yewe, ni mu gicuku koko!!! MUSAFI...

MUSAFILI : Umva rero shahu MURWANASHYAKA...
Icyuma tuvuga, si Fuse nk'uko ubitekereza. Ahubwo ni URUKUNDO wagirana n'uwo wishakiye. Naho umwuka,si umwe wo kwa RAMJI.
Ahubwo, ni ubwumvikane muzagirana mugeze muli kwa kwezi, alirwo RUGO muzubakana.

MURWANASHYAKA: Noneho ndasobanukiwe!!!

UMULISA : Aliko MURWANASHYA... Uziko uli indyalya! wigeze kumbaza iby'ukwezi, ngirango nawe ubisobanukiwemo!

MURWANASHYAKA: Bulya napfuye kulituraho kuko nali namwaye nabuze aho nguhera, kandi nali naligeze kwumva MUSAFILI avuga iby'UKWEZI.

UMULISA : Noneho se ikimwaro cyashize ?

MURWANASHYAKA: Birumvikana!

UMULISA : Twizere ko ubutaha n'uza kunsura uzagisiga mu rugo!

MURWANASHYAKA: Byizere rwose. Kandi umenye ko atali kera!
Ubu natwe twatangiye ya nzira igana UKWEZI

ALOYIZIYA : Erega ntiworoshye mwa! Aka kanya ufashe inzira URAGIYE ?

MURWANASHYAKA: Ndagiye rwose! Nako turagiye kuko ndi kumwe na KANGABIRE wanjye UMULISA.

ALOYIZIYA : Ndabona mwihuta cyane !

MURWANASHYAKA: Tulihuta cyane kuko dutinze twasanga mwaramazemo ibilyoshye!

MUSAFILI : Ubundi bwo sha ! nimukataze!!!

=========== =================

MUSAFILI,MURWANASHYAKA, MUKESHIMANA.

BALI MU NZIRA BATAHA, BAHURA NA MUKESHIMANA JEAN DAMASCENE.

MUSAFILI : MURWANASHYA... Shahu n'ubwo umbona uku, ubu mfite ibibazo bitoroshye.

MURWANASHYAKA: Ibihe se kandi ?

MUSAFILI : Ubu mfite ibibazo byinshi by'amafaranga. Yego uliya mukobwa nawe azakora muye, aliko ibyinshi ni njye bireba.

MURWANASHYAKA: Nk'ibiki se ?

MUSAFILI : Hali nka ziliya nzoga zo gusaba, inkwano,

MURWANASHYAKA: Aha ndumva ababyeyi bazabigufashamo.

MUSAFILI : Oya sha! Igihe tuba twarabaruhilije, bakaturera bakatulihira amashuli, natwe tuba dukwiye kubitura.

MURWANASHYAKA: Nta nyiturano y'iby'isi !

.../...

MUSAFILI : Ibyo ni ku bantu batibaza ntibanatekereze. Ababona ibije byose bakabisamira mu kirere badashunguye, bityo bakanduza umuco w'igihugu. Bakibagirwa ababareze,

MURWANASHYAKA: Ni byo koko sha... Ngo hali n'umusore uherutse kuva i BURAYI, agiye gusuhuza se, ati : "URAHO ISO". Na NYINA ngo : "URAHO NYOKO".

MUSAFILI : N'abize mu Rwanda bibabaho...Dore nawe umusore cyangwa inkumi bagiye mu biruhuko, bakabirangiza batageze iwabo ngo ni mugiturage!

MURWANASHYAKA: Bakirengagiza ko alicyo cyabareze.

MUSAFILI : N'uko rata, akagera iwabo agiye kubahuguza udufaranga dukebifitiye.

MURWANASHYAKA: Urabizi ali nka njye MUSAFI... umwana wa njye arangije ibiruhuko atageze mu rugo, sinakongera kumulihira ishuli!

MUSAFILI : Njye n'uwangira PEREZIDA iminsi ibili gusa, naca iteka ly'uko Umunyeshuli wese agomba kurangiliza ibiruhuko byose iwabo mu rugo.

MURWANASHYAKA: Njye namubaza niba hali amabavu afite ngo bimbere ikimenyetso cy'umulimo yakoreye ababyeyi.

MUSAFILI : Turetse ibyo tukavuga ibindi, hali n'ababyeyi barera nabi abana babo!

MURWANASHYAKA: Birumbikana !

MUSAFILI : Nka PAPA kera nkiga yatangazwaga n'uko mpinga! Simvuga ko yanderaga nabi, kuko atambuzaga gukora. Aliko haliho Ababyeyi babona umwana abyuka agenda icyumweru kigashira, ntibagire icyo babivugaho !

MURWANASHYAKA :Eh! Dore MUKESHIMANA numvise ko yakoze Accident mwa !

MUSAFILI ✗ Siwe shahu wumvise nabi !

MURWANASHYAKA : Hali undi witwa se MUKESHIMANA Jean Damascene?

MUSAFILI : Ntibigutangaze, kuko abantu benshi bahuza amazina. (BABE BAMUGEZEHO).

MUSHIMANA : Ni bande bahuza amazina sha MUSAFI...?

MUSAFILI : Sha turavuga Bazina wawe uherutse gukora accident.

MUKESHIMANA : Reka narumiwe ! Aliko ubwo atali njye dushimire Imana.

MURWANASHYAKA : Ubu se shahu urajya he ?

MUKESHIMANA : Hali ibyo njya gutereta haliya ku KICUKIRO!

MUSAFILI : Ni ibiki se ?

MUKESHIMANA : Ntiwabivamo shahu ni ibintu bitoroshye!

MURWANASHYAKA : Ahaaa! wa mwana we !

MUKESHIMANA:Ntibigutangaze sha !

MUSAFILI : MUKESHIMA... Ibintu bikujyanye ku KICUKIRO iki gihe ntibyoroshye koko !

.../...

MUKESHIMANA : Ahubwo reka nihute mutantinza.

MURWANASHYAKA: Ngaho genda!

MUSAFILI : Urabizi MURWANASHYAKA... kuko mfite konji y'ukwezi kwose, ndashaka ko: izarangira nanjye ndangiza INZIRA IGANA UKWEZI!

MURWANASHYAKA: Bizaterwa n'ubushake bwawe. Aliko ndabona atalibyiza.

MUSAFILI : Kuki ?

MURWANASHYAKA: Iyi konji ufashe, n'iy'umwaka s'iyo kurongora. Niyo mpamvu mbona byaba byiza uyirangijemo ibigukomereye, bakazaguha indi konji izakujyana ikakugeza mu KWEZI.

MUSAFILI : Ni byo sha ! Aliko se.... ubwo akazi ka Leta ntikazaba kadindira ?

MURWANASHYAKA: Iyo kadindiye! kadindiye se ukigerera mu KWEZI hali ingorane zihali ?

MUSAFILI : Urumva ko icyo gihe nahatera amanota.

MURWANASHYAKA: Amanota se y'uko warongoye ?

MUSAFILI : Kurongora se ni icyaha ?

MURWANASHYAKA: Nyamara ib o nkubwira ni byo!

MUSAFILI : Nibyo kandi unshuka !

MURWANASHYAKA: Umva MUSAFI... URAMUTSE urongoye uli muli konji wahura n'ingorane, aliko urongoye ukora; ku kazi bakuguliza amafaranga atali make, bakagutiza biliya bimodoka byose by'akazi, ababibonye bakavuga ngo : "BALIYA BANTU BALI BAKOMEYE KOKO".

MUSAFILI : Ibyo ndumva byankomerera cyane.

MURWANASHYAKA: Yego bizakomera, aliko bibe mu mucyo kandi bigaragara neza.

MUSAFILI : MURWANASHYAKA...ndabona bwije, ndeka ngende rwose, ibyo nzabyiga nzagusubize vuba.

MURWANASHYAKA: Ngaho genda MUSAFI... Uzagire Urugendo rwiza n'amahirwe menshi.

MUSAFILI : Amahirwe yo nayagize kera ubwo niboneraga ALOYIZIYA ho inshuti.

=========================

IGICE CYA GATANDATU A. KWA RWAKAYIRO

RWAKAYIRO, MUSAFILI, KANKINDI, KAREGEYA, KABILIGI, KABERA.

RWAKAYIRO : KANKI... Ngilira vuba unzanire amazi nitere ndumva icyakere kimereye nabi (KANKINDI AMUZANIRE AMAZI, ATANGIRE GUKARABA)

RWAKAYIRO : Mbe halya KANKI... MUSAFILI abalizwa mu ruhe Rwanda ?

KANKINDI : Reka wimbaza. Ubwo urabona namenya ibiguruka ku musozi byose ?

RWAKAYIRO : Ubwo icyo n'igisubizo umpaye KANKI..... Kukubaza umwana wanjye ukansubiza IBIGURUKA!

KANKINDI : None se uba ugira ngo yilirwe akwicaliye mu mbuga ?

RWAKAYIRO : Aliko sibyo byatuma umbwira nabi.

KANKINDI : Umbabalire sinakubwiye nabi.

RWAKAYIRO : Wamenya se yanyarukiye he ko nabasiganye hano mu gitondo ?

KANKINDI : Erega umwana wanyu arakuze ! yaba ahali yagiye gusura inshuti.

RWAKAYIRO : Niba akuze se yavuze tukamusabira !

KANKINDI : Uramusabira ku gahato se, reka nabishaka azabikubwira.

RWAKAYIRO : Arashaka se kumera amahembe ?

KANKINDI : (AMUBWIRA BUHORO) ceceka nguwo araje adasanga tumuvuga.

MUSAFILI YINJIRANA NA KABERA.

KABERA : Muraho yemwe ? (ABARAMUTSE BOSE)

RWAKAYIRO : Niko sha MUSAFI... Kuki uba winjiye ntudusuhuze ?

MUSAFILI : Mbona atali ngombwa gusuhuza iyo ngeze iwanjye.

RWAKAYIRO : Aha se ni iwawe cyangwa ni iwanjye ?

MUSAFILI : Ni iwanjye mu gihe ntarubaka urwanjye.

RWAKAYIRO : Ulindiliye iki se ? Urashaka kuzarongora warabandalitse mu gihugu hose ?

MUSAFILI : Biragatsindwa n'Imana yaremye abantu!

RWAKAYIRO : None se ?

MUSAFILI : Ndashaka ko munsabira ALOYIZIYA mwene BIHIBINDI ubu ukora i KIGALI.

RWAKAYIRO : Dore ibyo nashakaga ni ibyo !

MUSAFILI : Wabishakaga nanjye mbishaka. Niyo mpamvu nafashe konji ndende ngo izarangirane nabyo.

RWAKAYIRO : Icyifuzo cyawe nagishimaga, iyo udashyiraho ayo mananiza.

MUSAFILI : Nta mananiza alimo kuko nshaka kubikora umunsi umwe bikarangira.

RWAKAYIRO : Ntibyoroshye mwana wanjye !

MUSAFILI : Biroroshye cyane : twumvikanye n'umukobwa, abigeza kubabyeyi babyakira neza cyane. Mbese ubu ni ukuzuza umuhango.

RWAKAYIRO : MUSAFI... Ubwo mwivuganiye mukaba mwaranabigejeje ku babyeyi, nanjye ndabibemereye.

MUSAFILI : Murakoze cyane !

RWAKAYIRO : Hakoze wowe ugiye kuzanzanira umukazana akazambyalira umwuzukuru.

MUSAFILI : Hanyuma se ubwo birahagije ?

RWAKAYIRO : Wowe untorere abasore babili, ujye no kwa KABILIGI ubimubwire nawe uzatuvugira ijambo. Aliko umenye ntubihingukilize abakobwa b'ino aha batazakwivugana.

MUSAFILI : Banyivugana bate ?

RWAKAYIRO : Bifate uko mbikubwiye gusa.

MUSAFILI : Twizere ko ntacyo bazankoraho !

RWAKAYIRO : Ngaho se genda unkorere ibyo ngusabye.

MUSAFILI : Ibyo ndabikora nonaha, ahubwo nimundengere ngende hakili kare.

RWAKAYIRO : Ubona se nteka ? genda ubaze Nyoko.

MUSAFILI : Oya nako ndalya mvuyeyo. (AJYANE NA KABERA).

=====================================

B. MU NZIRA BAGENDA

MUSAFILI, KABERA, KAREGEYA, KABILIGI.

MUSAFILI na KABERA BAGENDA BAGANA KWA KABILIGI.

KABERA : Urabizi MUSAFI.... sinziko KABILIGI umusangayo iki gihe!

MUSAFILI : Turamubona rwose. Nitutanamusangayo turajya kumuhigira mu tubali.

KABERA : Umushaka iki gihe amusanga mu KABALI.

MUSAFILI : Naho turajyayo sikure.

KABERA : Ashwi da! Iki gihe sinajya mu KABALI Conseiller atazansangamo !

MUSAFILI : Agusanzemo se yagutwara iki ?

KABERA : Aramutse ansanzemo yankura ku ilisiti y'ABAKANDIDA mu ngabo z'IGIHUGU.

MUSAFILI : Komera sha ! urashaka kuba INGABO y'i GIHUGU ?

KABERA : Naliyandikishije kandi tuzabazwa kuba.

MUSAFILI : Nkwifulije kuzayitsinda mwa !

KABERA : Numva ngo ntikomera nzayitsinda.

MUSAFILI : Watsinda iby'UBWENGE n'iby'INGUFU ibya MUGANGA bikagutsinda!

KABERA : Ko ntacyo ndwaye se naba ntsindwa n'iki ? Ahubwo ni uko numva ngo abinjiye kuli buliya bulyo batabona amapeti.

MUSAFILI : Birumvikana! Aliko, iyo uli mungabo, ushobora gukora ikizamine cya E.SO wagitsinda ukiga kandi ukazamuka vuba mu mapeti.

KABERA : Nanjye niko nzabigira !

MUSAFILI : Uzagerageza! ubu mufite n'amahirwe cyane kuko mwakwiga imyaka itandatu, mugasohoka muli ba Sous-lieu-tenants.

KABERA : Icyo gihe naba nkomeye cyane ! kandi narongora INGABO Nka njye.

MUSAFILI : Dore ka GASAZA sha! Turakabwira iki se ko mbona kazubaye ?

KABERA : Uliya ntajya asinda !

MUSAFILI : Ubwo turabimubwira tumureke yigendere, hanyuma tujye gushaka KAREGEYA azaze MUJYANA na KABILIGI na PAPA mujye kunsulira Data bukwe. (KABILIGI ABAGEREHO ABASUHUZE NARANGIZA...) MUZE...

KABILIGI : MUZEHE ni wowe GASHAHURE NYOKO! Ubonye ngo untuke sha !

MUSAFILI : Erega si igitutsi!

KABILIGI : MUZEHE ni utabasha kwikorera!

MUSAFILI : Oya MUSA...(za) MUZEHE ni UMUSAZA.

KABILIGI : Wagiye unyite UMUSAZA se ntunyite MUZEHE! UZIKO RUHIGI afite umwana witwa MUZEHE? Ubwo se bazanyita MUZEHE nawe bamwite MUZEHE, urumva hatalimo agasuzuguro ?

MUSAFILI : Yewe, UMUSAZA yantumye, ngo ejo ku gasusuruko uzaze hali aho muzajyana.

KABILIGI : Ntiyakubwiye se aho aliho ?

MUSAFILI : Usibye ko nali mpazi, naho ubundi ntiyali yahambwiye.

KABILIGI : Ko uhazi se ni he ?

MUSAFILI : Muzajyana na PAPA hakulye haliya KUNSABIRA.

.../...

KABILIGI : N'uko n'uko sha ! n'UKUGUSABIRA?

MUSAFILI : Ni byo rwose!

KABILIGI : Ni uwahe se hakulya aha ?

MUSAFILI : Ni uwa BIHIBINDI.

KABILIGI : Umwe ukora i KIGALI? Bulya ni umwana mwiza!

MUSAFILI : Niwe, arankunda nanjye nkamukunda, none turashaka kwibanira.

KABILIGI : Mukomeze mwa! mukomeze !

MUSAFILI : Mukomeyeho rwose!

KABILIGI : Aliko se ntibibe ali agahararo nka kamwe gasigaye hanze aha.

MUSAFILI : Si AGAHARARO, ni URUKUNDO rukomeye. Twe twahisemo ku rwita: INZIRA IGANA UKWEZI.

KABILIGI : Maze rero nguhane unyumvire mwana wanjye... Ngusabye kuzumvikana n'umugore wawe.

MUSAFILI : Ubwumvikane bwo turabusanganywe.

KABILIGI : Yeee!.... Umenye ntuzatongane . Urumva ?

MUSAFILI : Ndakumva!

KABILIGI : Hanyuma mwana wanjye,.... Ntuzategekwe n'umugore.

MUSAFILI : Aha simpumva!

KABILIGI : Nkubwiye ko : UTAZATEGEKWA N'UMUGORE. Akaramuka agutegetse, nta BUGABO uzaba ugisigaranye...Mbese uranyumva sha ?

MUSAFILI : Ndakumva rwose!

KABILIGI : Mwana wanjye kandi,....Halya Uzarongorera he ?

MUSAFILI : Nzarongorera i KIGALI kuko aliho twese ducumbitse kandu dukora.

KABILIGI : Umenye rero... Njye unyuzamo uze kudusura kenshi... utubwire ingorane z'URUGO, tugushakire umuti wazo.

MUSAFILI : Kubasura byo ni ngombwa. Ni n'ibisanzwe kandi ku mwana warezwe neza.

KABILIGI : Yeee!... MUSAFI... Hasigaye ikintu kimwe nkakureka ukagenda....

KABILIGI : Aho i KIGALI ufiteyo isambu ingana ite ?

MUSAFILI : Nta sambu ngira uretse ko mba munzu za

: za Leta zifite ubusitani.

KABILIGI : Ni ibyo nashakaga kumenya...
Maze rero mwana waaaaange,
Uzakulikize inama za ONAPO.

MUSAFILI : Ibyo twagiye kubyiga i NYAMIRAMBO kwa NYIRANUMA.

KABILIGI : NYIRANUMA se uwo ni umukozi wa ONAPO ?

MUSAFILI : NYIRANUMA ni UMUZUNGU babihimbye,
akaba afite ikigo NDERABUZIMA mu
itongo by'umukecuru witwaga ko.

KABILIGI : Hanyuma se muvuyeyo ?

MUSAFILI : Tuvuyeyo twagiye i GIKONDO mu BAPALOTINI
twiga kubyara abo dushoboye kurera
dukoresheje ubulyo bwa KAMERE.

KABILIGI : Inyigisho zagushimishije muli zo
ni izihe mwana wa....?

MUSAFILI : Zose zaranshimishije kuko zuzuzanyaga.

KABILIGI : Ngaho genda mwana wanjye, uzakore nk'uko
nagusabye.

MUSAFILI : Yeee!

KABILIGI : Uzumvikane n'umugore wawe.....
Kandi mumuzatongane. Urumva ?

MUSAFILI : Ndumva.

KABILIGI : Umenye uzakulikize inama za ONAPO
nk'uko mwabyize...
Hanyuma ujye unyuzamo uze kudusura.

MUSAFILI : BYOSE Nzabikulikiza, kandi ngushimiye
inama ungiliye.

KABILIGI : Ngaho genda mwana wanjye n'ukora
nk'ibyo uzaba utubere umwana mwiza.

MUSAFILI : Ngaho namwe mugende amahoro!

---

ICICE CYA KALINDWI KWA BIHIBINDI

BIHIBINDI, NYIRAMAVUGO, RWAKAYIRO
KAREGEYA, KABILIGI, KABERA, RWAMUHIZI.

BIHIBINDI, NYIRAMAVUGO na RWAMUHIZI
BALI MU RUGO BAGANIRA
RWAKAYIRO, KABILIGI, KAREGEYA na KABERA BASUHULIZA KU IREMBO.

RWAKAYIRO :(AVUGIRA KU IREMBO) Muraho bene urugo ?

BIHIBINDI :Avugira MU RUGO) REBA UWO USUHUZA NYIRAMAVU....

NYIRAMAVUGO : DORE NI BA MWANA WANYU UJE.
(AKO KANYA BABE BAGEZE MU RUGO)

KABILIGI : Muraho neza abo kwa BIHIBINDI ?

BIHIBINDI : Turaho turaho!...RWAMUHI...Ereka abo basore, ....iwanyu se imvura iragwa ?

KABILIGI : Imvura iragwa rwose ku bulyo ishaka kwiyishyura igihe imaze itagwa.
No mu rugo n'amahoro barabatashya!

BIHIBINDI : N'uko n'uko ngaho nimutambuke...
(ABAJYANE MU NZU BICARE) Naho izuba se...

KABILIGI : Ntawalibara!

RWAKAYIRO : Mu minsi ishize nta wali akitera akalingiti iwacu iyo.

RWAMUHIZI : N'ino n'uko! Ntiwabonye uko ibyatsi bimeze ?

BIHIBINDI : Amazi arashyuha koko ntiyibagirwa iwabo wa mbeho,....

RWAMUHIZI : Natwe Imana yatwibutse !

KAREGEYA : Ese ugira ngo n'ukutwibuka gusa ko ali UKUTUGOBOKA.

BIHIBINDI : Yatugobotse rwose !

KAREGEYA : Yatubereye nk'Abayisilaheli mu i JYANGWA.

RWAMUHIZI : Mbese nawe uzi iby'IMANA sha ?

KAREGEYA : Iby'Imana ntawe ubimenya byose ?

RWAMUHIZI : Kuki ntawabimenya byose ?

KAREGEYA : BIRAKOMERA CYANE!

RWAMUHIZI : Aliko tuziko IMANA ibaho!

KAREGEYA : Yeee! Imana ibaho koko

KABERA : IMANA ibaho koko, aliko mu MANA haliho ibidasobanuka ngo byumvikane.

KABILIGI : Nk'ibiki ?

KABERA : Nko kuvuga ko IMANA ali imwe ikabamo ABA-PERISONA batatu.

RWAKAYIRO : Na njye ibyo biranjijisha cyane ku bulyo nahisemo kubyemera uko bili.

KAREGEYA : Ni bibi cyane kwemera ibyo utumva kandi ntusobanukirwe.

.../...

RWAKAYIRO : None se tubigenze dute ?

KAREGEYA : MWASOBANUZA nk'ababizi kubarusha.

RWAKAYIRO : Ngaho KABE...

KABERA : Nanjye sinize birambuye IYOBOKA-MANA, aliko ndabasobanulira ukombyumva :

RWAKAYIRO : Yego GERAGEZA!

KABERA : Bavuga ko haliho IMANA PATRI, IMANA MWANA, n'IMANA ROHO-MUTAGATIFU. Aliko bakaba IMANA imwe. Iyo umuntu asesenguye asanga atali imwe ahubwo ali eshatu. Nyamara sibyo. IMANA ni imwe, aliko ifite ABA-PERISONA batatu: PATRI-MWANA-ROHO MUTAGATIFU. Aboba PERISONA batatu, tubagereranye n'ibice by'umuntu.

PATRI = UMUTWE

MWANA = IGIHIMBA

ROHO MUTAGATIFU : AMAGURU n'AMABOKO:

cyangwa tubagereranye n'inkoni eshatu. MUMPE ziliya nkoni mbereke.

(AFATE INKONI ESHATU, AZIFATANYILIZE HASI ZIKORE ISHUSHO YA MPANDESHATU)

Izi nkoni mureba, ni eshatu, aliko nazifatanyije zikora ishusho imwe.

Ni ishusho imwe, aliko ikaba ikozwe n'inkoni 3 nafatanyije. Ku muntu nawe ni kimwe; niwimberera ukabona umutwe w'umuntu wacîwe ku GIHIMBA, uzahite wibaza, uti: "Uyu muntu baciye umutwe ninde ? Birumvikana ko uzahita umenya ko umutwe ali uw'umuntu atali umutwe gusa uko uwubona.

No mu MANA reroniko bimeze :

HALI PATILI (YEREKANIRA KULI ZA NKONI)

ni iyi nkoni ya mbere. Hakaba mwana, (YEREKANE iya kabili) na ROHO MUTAGATIFU nagereranyije n'iyi ya gatatu. Zose nazifatanya zikabyara ishusho imwe. Inkoni eshatu nafatanyije, zakoze ishusho imwe. N'ibice bigize umuntu iyo ubifatanyije bibyara umuntu umweimizi y'igiti, umubyimba wacyo, amashami n'amababi bikora igiti kimwe rukumbi.

No mu mana rero ni uko bimeze.Haliho IAMANA IMWE, ikagira ABAPERSONA batatu : PATRI, MWANA, ROHO-MUTAGATIFU. (BOSE BAMUKOMERE MU MASHYI).

.../...

KABILIGI : N'uko shahu tugushimiye ibisobanuro uduhaye,....

BIHIBINDI : Turamushimiye rwose!

KABILIGI : BIHIBINDI ndabona bukeye, kandi n'imvura irakubye, none ndagira ngo tukubwire ikitugenza mu rugo rwawe!

BIHIBINDI : KABILI... utiliwe uvunika, ikibagenza ndakizi, kuko nabatanze kukimenya. Aliko nimurangize ubutumwa bwanyu kuko bwabazinduye.

KABILIGI : MURAKOZE CYANE! BIHIBINDI rero, umuhungu wacu yatugejejeho igitekerezo cyo kurushinga, atubwira ko nta wundi bazarwubakana atali umukobwa wawe. None twali tuje kubibagezaho ngo muduhe umugeni.
Mbese ikitugenza, n'ukubasaba UMUGENI.
(BAMUKOMERE AMASHYI)

RWAMUHIZI : KABILI... uko undora uku ndashaje, mfite abana, mfite abakazana, mfite abuzukuru n'abuzukuruza. Nkaba ngusabye rero kumbwira uwo mshaka mu bana banjye,...

KABILIGI : Uwo dushaka, ni

RWAKAYIRO : Ni ALOYIZIYA.

KABILIGI : YEEEE, umwe ukora i KIGALI.

RWAMUHIZI : KABILI... Ubwira umwumva ntavunika, umugeni TURAMUKWEMEREYE.
(BAMUKOMERE AMASHYI) Genda wizere kandi wizeze umuhungu wawe ko umugeni twamubemereye.
(BONGERE BAKOME MU MASHYI).

KABILIGI : TURABASHIMIYE cyane, aliko turacyafite byinshi byo kubabaza ntimuturambirwe.

RWAMUHIZI : KABILI... ntaguciye mu ijambo, reka mbaze nyina w'umwana icyo abitekerezaho.

BIHIBINDI : Ngo icyo abitekerezaho ? Irorerere nta jambo ly'umugore mu bagabo !

RWAKAYIRO : Ubu URAMA yabahaye ijambo!

BIHIBINDI : Koyabahaye ijambo mu nama za MUVOMA se yalibahaye mu rugo rwanjye ?

RWAMUHIZI : Ubwo twizere ko ntacyo abivuguruzaho.

NYIRAMAVUGO : Ntacyo rwose.

RWAMUHIZI : Ngaho KABILI... tuguteze amatwi.

KABILIGI : Murakoze cyane, Mwarabyaye, murarera, none muradushyingiye.
Ubwo mudushyingiye rero, natwe twifuzaga kubashimira tubaha ibihembo by'abarezi.

RWAMUHIZI : IBIHEMBO BY'ABAREZI, s'ibya nonaha.
Tuzaba tubasubiza kuko bitoroshye.

BIHIBINDI : Ngize icyo nongeraho, muli abavandimwe.
Nk'uko twabarereye, natwe mwaturerera.
Niyo mpamvu nta gihembo tubatse. Ubwo muzatugenera mukulikije ubushobozi bwanyu.
(BAKOME MU MASHYI).

RWAKAYIRO : BIHIBI... Nyuma yibyo umaze kuvuga, ndagushimiye cyane. Kandi nzagushimira umuhungu wacu.
Uwo mutima muzawuhorane !
(BAKOME MU MASHYI)
Umuhungu wacu rero, ngo yifuza ko byose byarangirana n'uku kwezi. Twe twarabimwemereye, hasigaye igisubizo cyanyu.

BIHIBINDI : RWAKAYIRO rero, umuhungu wanyu n'umugabo.
Ni umugabo kuko adakunda ibitinda mu mishinga.
Aho kugira ngo tuzalinde kumubabaza, nanjye ndabimwemereye!
(BAMUKOMERE MU MASHYI).

RWAKAYIRO : Ndakeka nta kindi gisigaye kuli twe b'ababyeyi.

BIHIBINDI : None ntituzabajyana mu rukiko ?

RWAKAYIRO : Mu rukiko ho biroroshye kuko abana bifitiye ubushobozi kandi bakababazwi.

BIHIBINDI : Yego kuba bazwi birashoboka,

RWAKAYIRO : Birashoboka cyane. Ahubwo vuba aha nzamukwohererereza, mutunganye ibindi bibazo byaba bibabangamiye.

BIHIBINDI : Uzamutwohererereze dukemure ibyo bibazo hakili kare

RWAMUHIZI : DUCE n'inzitiro zaba zituzitira.

.../....

KABILIGI : Izo nzitiro se nink'izihe ko ntazumva ?

RWAMUHIZI : Nk'ibibazo by'amasekuru,

KABILIGI : Ibibazo by'amsekuru ntibikomeye
ku bulyo byabatesha igihe.

RWAMUHIZI : Aliko nabyo bili mu bigomba kwigwa !

RWAKAYIRO : Reka tubasezereho tugende, n'ah'ubutaha.

BIHIBINDI : Gira NYIRAMAVU... Shaka inkongoro z'abashyitsi.
(BAHAGURUKE BABAHEREKEZE)

---

IGICE CYA MUNANI MU RUGO RUSHYA

MUSAFILI(A)-ALOYIZIYA(B)-MURWANASHYAKA(C) - FELESIYANI(D)

MUKESHIMANA(E) - UWANTEGE(F) - UMULISA(G).

BALI MU NZU BUMVA UMUZIKI KANDI BAGANIRA.

C: MUSAFI.... iyo ndilimbo yawe turayirambiwe !

A : None ngire nte ?

C : Nshakira ijwi lya ma mukobwa nkunda wo mu bamararungu.

E : Ni ko sha MURWANASHYA.... indilimbo y'aba-mararungu
niyo ushaka kudukangisha ?

C : Erega shahu hali umukobwa nkunda mu bamararungu!

A : Uwuhe sha ko ntamuzi ?

C : Umwe utera muli ya ndilimbo batereye
O.R.T.P.N. ku isabukuru.

A : MURWANASHYA... bimbabaje cyane kubona
bamararungu mfite.

C : Ngaho basi duhe MUKAMABANO
(AMUSHYILIREMO MUKAMABANO....HASHIZE AKANYA)
Bite se ko utayibyina YOHA ?

C : Icy'ingenzi si ukuyibyina, ahubwo ni UKWUMVA
amagambo yayo. Sibyo UMULI....?

G : Ni njye se wakubajije ?

C : Nagira ngo nkubaze ko uyikunda ?

G : Ndayikund rwose. Ahubwo haguruka vuba!
(BAHAGURUKE ABYIBYINE)

A : Ntureba MUKESHIMA... namubwiye kubyina aranga,
umukobwa amubwiye abisamira mukirere.
(INDILIMBO IRANGIYE BALICARA)

C: UMULI... n'ubwo iyo ndilimbo irangiye ndayigutuye!

G : Nanjye ndabigushimiye

C : Ni njye ugushimiye kuko wambiniye nkishima !

G : Wibwiye seko wabyinnye wenyine ? cyangwa nabyinnye njyenyine cyangwa twese hamwe ?

C : Ayo magambo yawe sinyumva !

G : Muzi amagare !

C : Kuki ?

G: Ubwose wibwira ko ndi ikigolyi kubulyo wamfata nk'umwana ?

C :Humura ntuli umwana. Nta n'ubwo nza gufata nk'ikigolyi.

G : Umva kandi ngo arumwa nabi !

C : Si ukwumva nabi,na biculitse mbizi.

G : Aliko YOHA.... uziko uli indyalya ikabije ?

C : Halya ntacyo warubajije UMULI...?

G : Nta cyo !

C : Nta n'icyo warumbwiye

F : Nyamara hali icyo umaze kumubwira.

C : Mwihorere nawe abe indyalya nkanjye !

G : Eh! ntibutse !

C : Aliko wali ushatse kunculika !

G : Ubwo se urabona naguculika nkagushobora ?

C : Si ukunculika uvuga !

G: Humura sinabikora.

A : N'ubikora se hali cyo? N'utamuculika azaculikwa na nde?

C : Urabona kunculika ali byiza MUSAFI....?

A.: ALOYIZI... reba uwo utuma kwa KAREMERA atuzanire inzoga !

B : Ndamubona he se ?

A : Toto namutumye ku GASOKO none ntaraza.

B : Toto namutumye ku GASOKO none ntaraza.

A : Aba bashyitsi tubagire dute ?

B: Uragira ngo mbigenze nte se ?

A : Urebe ukuntu wabagirayo !

B : Yeee! (AGENDE)

A : Bite ba FELESIYANI ko mutavuga ?

D : Erega shahu tuba tuli mubibazo bitatworoheye !

A : Ibibazo se ntibishyirwa mu nama bikabonerwa umuti ?

B : Nta gihe ibibazo by'abasore bizabonerwa umuti byose ?

A : Nimwulira se mukagera ku kwezi ntimuzaba mubisize ku isi ?

D : Ku kwezi se ho nta bibazo bibayo ?

A : Birahali.

D : None se nzaba njya gukorayo iki ?

E : Nyamara shau uzajyayo.

D : NJYA GUKORAYO IKI? Niba ali ukwitera umuruho nzaguma aho !

.../....

A : Bagomba kuguculika rwose
ukumva uko ubaye !

C : Ahaa! niba ali ibyo ya nzira
iteye inkeke !

E : Oya sha ntimugasebye inzira
twese twifuza kunyuramo vuba.

A : Hanyuma se FELESIYA....
Hali ibyo nshaka kugutereta
ngo nitunganyilize UKWEZI.

HINJIRE ALOYIZIYA AFITE PRIMUS

ALOYIZIYA : Nta TOTO uragera hano ra ?

MUSAFILI : Ntawe rwose !
Njye kaliya kana karanyobeye.

MUKESHIMANA : Kihorere karaba kaza.

ALOYIZIYA : Umva di !

MUKESHIMANA : Tuzanire twinywere, ibindi urabijyamo nyuma.

MURWANASHYAKA : Mbese uteye utyo mwa ?

MUKESHIMANA : Wowe ulirengagiza ko isi yameze amenyo!
Ntuziko MUGANZA asigaye aturagira nk'ihene
tukaba tutagitilimuka ku kazi!

MURWANASHYAKA : Murafitwe ba shahu !

MUKESHIMANA : Ni ibyo uvuga se ?

MUSAFILI : Iyo bavuze gukora mwembwe mwibwira ko
ali ukubanga ?

MUKESHIMANA : Sha baba batwisa !

MUSAFILI : Bali babica se batarababara mu NGWIZAMURONGO!

MUKESHIMANA : Gukora ntitubyanze, ikibi ni uko dukore tutaruhuka.

MUSAFILI : MUKESHIMA.... ilyo ruhuka lyanyu sindishyigikiye na gato.

MUKESHIMANA : Kubera iki ?

MUSAFILI : Dufite amasaha y'akazi kuva saa moya kugera saa sita.
Hagati ya saa sita na saa munani hali ikiruhuko !

MUKESHIMANA : Icyo kiruhuko ntikiduhagije !

MUSAFILI : Kuba kitabahagije byo nshobora kubyemera,
aliko ntimukirengagize ko mufite ababategeka.

MUKESHIMANA : Abadutegeka se nibo bazatwicisha imilimo ?

ALOYIZIYA : Menya ko ugutegeka agukubita alyamye !

MUKESHIMANA : Yego ndabyumva, aliko UMWANA NIWE WIHA INGOBYI.

.../...

ALOYIZIYA : Yayiha aliko, umenye ko UMUKANIRA ALIWE UMENYA URUMUKWIYE !

MUKESHIMANA : Uziko munyahagije MUSAFI....?

ALOYIZIYA : Ubwo icyo ushaka ndakizi (AMUSUKIRE INZOGA MU KIRAHULI) Aliko mwe ko mutavuga ra ? (BOSE BACECEKE) MURWANASHYA....

MURWANASHYAKA : Ni ibikira ?

ALOYIZIYA : Ko mutavuga byabagendekeye bita ?

MURWANASHAYAKA : Ubu njye ndareba ukuntu mumerewe mu rugo rwanyu, bigatekereza.

ALOYIZIYA : Uti iki ?

MURWANASHYAKA : Nali mvugishijwe.... Ubu ndareba ukuntu mu merewe mu rugo rwanyu, nako ni mu KWEZI. Bigatuma ntekereza byinshi cyane!

ALOYIZIYA : Sinaherutse se ubigeze kure ?

MURWANASHYAKA : Namba na mwe shahu mwarabusimbutse!

UMULISA : Humura nawe uzabutaruka !

MURWANASHYAKA : Nizere se ?

UMULISA : Izere rwose !

MURWANASHYAKA : Nzabutaruka cyangwa nzabusimbuka ?

UMULISA : N'ubusimbuka uzagwa hafi yabwo, aliko n'ubutaruka uzagwa kure aho utazongera no kubuca ilyera !

MURWANASHYAKA : Aho ni ho nshaka ntazongera kuburabukwa.

UMULISA : Na njye ndahakwifuliza rwose !

MURWANASHYAKA : Ko ntazi gutaruka se nzabyifatamo nte ?

UMULISA : Uzambwire nzagutoze.

MURWANASHYAKA : Ubwo nge n'umutoza wanjye tuzafata umudali wa zahabu.

UMULISA : Imidali yo ni nk'ako kanya !

MURWANASHYAKA : Ngaho rero, wihaye akazi karekare cyane.

UMULISA : Mpfa kuba mfite ubushobozi n'ubushishozi!

MURWANASHYAKA : Ngaho mpa imetero nzataruka igihe uzaba wantojeje neza.

UMULISA : Nguhaye imetero ndwi, kuya munani tukazulira twambikwa imidali, dukomeze tugana mu kwezi kuko aliko tuzamenyekanira.

MURWANASHYAKA : UMULI... Umutima wawe nywakiranye

umutima mwiza! n'ibyishimo!

======IHEREZO========LY+++++++++= UMUKINO===========

## INZIRA IGANA UKWEZI

INZIRA IGANA UKWEZI, NI UMUKINO WATEYATELI (THEATRE) NANDITSE MPEREYE KU BYEREKEZO BITATU BY'UMWAKA MPUZAMAHANGA W'URUBYIRUKO :

- GUKORERA HAMWE
- AMAHORO
- AMAJYAMBERE.

1. GUKORERA HAMWE: MU GICE CYA MBERE CY'UMUKINO, MWASHOBOYE KWIBONERA KO ALOYIZIYA NA MUSAFILI BATEGULIRA HAMWE IBY'UBUKWE BWABO. MWASHOBOYE KWIBONERA NEZA KO ALOYIZIYA YEMEYE KUZAFATANYA NA MUSAFILI MU BIREBA INKWANO.

- MUGICE CYA KABILI HO TUBONA UKO ALOYIZIYA N'UMULISA BAGATANYA BAHANA MUGENZI WABO UWANTEGE. ABO BAKOBWA BAZI RWOSE KO BAGOMBA GUKORERA HAMWE, BAGAFATANYA MU GUTEGURA NO GUSUBIZA IBIBAZO BYABO.
- MUGICE CYA GATATU, TURASANGAMO ISHUSHO NZIZA Y'UBWUMWIKANE HAGATI Y'ABASHAKANYE N'URUBYARO RWABO. TWABONYE KO ALOYIZIYA N'ABABYEYI BE BATEGURA UBUKWE BWEGEREJE.
- MUGICE CYA KANE, ALOYIZIYA NA BAGENZI BE, BASEZERA KULI MUSAFILI.
- MUGICE CYA GATANDATU TWUMVISE ICYO ABABYEYI BA MUSAFILI BABIVUGAHO N'INAMA BAMUHAYE
- MU CYA KALINDWI HO TWABONYE UKO BASABIYE MUSAFILI. RWAKAYIRO AFATANYIJE NA KABILIGI NA KABERA NA KAREGEYA.

2. AMAHORO : MU GICE CYA MUNANI TWABONYE IBYISHIMO BILI MU RUGO RUSHYA. ABAVANDIMWE BALI BAKORANYE BISHIMIYE BAGENZI BABO. NO MU BICE BINDI WABONAGA KO AMAHORO ATEMBA.

3. AMAJYAMBERE : MUMAZE KWUMVA UYU MUKINO? MWASHOBOYE KWIBONERA NEZA IBYAGEZWEHO NA ALOYIZIYA AFATANYIJE NA MUSAFILI, ABABYEYI n'ABAVANDIMWE.

HALI AMAGAMBO MENSHI AGARUKA KENSHI. AYO MAGAMBO NI : "ALIKO-KANDI-HANYUMA,..." AYO MAGAMBO NASANZE AKUNZE GUKORESHWA CYANE MUBIGANIRO NKA BILIYA. NIYO MPAMVU NAJYE NAYAKORESHEJE KENSHI.
HALI N'IGIHE BYABAYE NGOMBWA KO NGABANYA URUPAPURO MO IBICE BIBILI.
ICYO GIHE HALI IBIGANIRO BIBILI BYAHITAGA ICYALIMWE. MULI IBYO BICE BYOMBI, TUNASANGA LIMWE NA LIMWE IMYANYA ITANDITSEMO. IYO MYANYA IREREKANA IGIHE ABAGANIRA BAMWE BACECETSE ABANDI BAGASIGARA BAVUGA.

NSHUTI NKUNDA,

INZIRA IGANA UKWEZI, NI UMUKINO NANDITSE MPUJE IBITEKEREZO BY'IMIKINO IBILI YA NJYE:

- UBUZIMA NYUMA Y'ISHULI NA
- ALOYIZIYA ARANKUNDA.

IYO MIKINO IBILI MITO NIYO YABYAYE UMWE MWIZA KANDI MUNINI.

.../....

NSABYE BULI WESE KUNEGURA KUBYO NABA NARAKOSHEJE KU MVUGO Y'AWABO.

NGENDAHIMANA MARTIN Aimé
C/O Société de l'Apostolat
Catholique/GIKONDO
B.P. 1083 KIGALI/RWANDA